**ICYEMEZO GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KWITABA URUKIKO.**

Umunsi wa 10, w'ukwezi kwa Gicurasi, umwaka wa bibiri na makumyabiri na gatatu,

Twebwe UWIZEYEMUNGU Honoree, umucamanza mu rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo, dufashijwe na KAZIGABA Elimelec umwanditsi muri urwo rukiko;

Tumaze kubona ko hari urubanza RP 00660/2022/TGI/GSBO ubushinjacyaha bwaregeye urukiko BIZIMANA Claude icyaha cyo gusambanya umwana, aho ubushinjacyaha bwamureze ko yabanaga na ISHIMWE Belyse nk'umugore we, ariko bigeze kuwa 30/04/2022 nijoro BIZIMANA Claude amusiga mu nzu agenda atavuze, ISHIMWE Belyse akaba yaraje kurega avuga ko BIZIMANA Jean Claude yamusambanyije yarangiza akamusiga mu nzu.

Tumaze kubona ko ubushinjacyaha mu mwanzuro utanga ikirego bwagaragaje ko uyu BIZIMANA Claude kuva icyo gihe hataramenyekana aho aherereye, haba mu bugenzacyaha cyangwa mu bushinjacyaha akaba atarabajijwe ku cyaha aregwa, maze bagakora dosiye ikaregerwa urukiko, bagaragazako ko BIZIMANA Claude akurikiranwe nk'uwihishe cyangwa uwatorotse ubutabera.

Tumaze kubona ko BIZIMANA Claude yahamagajwe mu buryo busanzwe bwo guhamagaza ababuranyi kwitaba urukiko.

Dushingiye ku ngingo ya 160 y'itegeko Nº 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha iteganya ko *iyo ukurikiranyweho icyaha atashoboye gufatwa kuko yihishe cyangwa yatorotse ubutabera, yaba ari mu Rwanda cyangwa se mu mahanga, Ubushinjacyaha bumukorera dosiye bukayishyikiriza urukiko rubifitiye ububasha n'ubwo yaba atarabajijwe. Nyuma yo gushyikirizwa dosiye, urukiko rufata icyemezo kimutegeka kwitaba mu gihe cy'ukwezi kumwe (1), atakwitaba, hakemezwa ko yasuzuguye amategeko.*

Dushingiye kandi ku ngingo ya 161 y'itegeko Nº 027/2019 ryo kuwa 19/09/2019 Itegeko ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha yo iteganya ko *mu gihe cy'iminsi*

*umunani (8) icyemezo kivugwa mu ngingo ya 160 y'iri tegeko kimanikwa ahabigenewe ku rukiko rwagifashe kandi kigatangazwa mu gitangazamakuru cyemejwe*;

Dutegetse BIZIMANA Claude mwene Gakuba Abraham na Mukangiriye wavutse mu 1991, ID:1199180018373036, utuye mu Mudugudu wa Rushubi, Akagari ka Nyagahinga, Umurenge wa Musenyi, Akarere ka Bugesera, Intara y'iburasirazuba, ufite telefoni +250788608480, kwitaba urukiko Rwisumbuye rwa GASABO ku kicaro cyarwo aho ruburanishiriza imanza nshinjabyaha, akaba agomba kwitaba kuwa 06/06/2023 saa tatu za mu gitondo, natitaba bizafatwa ko yasuzuguye ubutabera nk'uko biteganywa n'amategeko urubanza ruburanishwe adahari.

Dutegetse ko iki cyemezo kimanikwa ku rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo ahagenewe kumanika amatangazo, iki cyemezo kigatangazwa kurubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga ahagenewe kunyuzwa amatangazo ndetse kikamanikwa ahagenewe kunyuzwa amatangazo kubiro by'Akagali ka Nyagahinga no kubiro by'Umurenge wa Musenyi, hoo mu karere ka Bugesera, intara y'Iburasirazuba.

Ni uko icyemezo gifashwe, ku munsi, ukwezi n'umwaka byavuzwe haruguru.

UWIZEYEMUNGU Honoree — Umucamanza

KAZIGABA Elimelec — Umwanditsi